RWANDA RESONANCE

# UMURANGI

B.P. 1036
Tél. 7 3977
70 Frw

Bimensuel
Indépendant
N°00

26 GASHYANTARE 1992

CENTRE DE FORMATION ET ... COOP.
C.E.R.C.
B.P. 1319 Kigali
RWANDA

Rédacteur en chef :
NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface
(O.NT.B.)

## Editorial.

### BAGENZI MURAMENYE.

Mu myigaragambyo itaha ngo MRND izakoresha uko ishoboye yoherezemo ibyitso byayo, maze bamwe bambare amabara ya P.L kandi babe ari abatutsi, abandi bambare MDR.

Icyo babishakira rero nta kindi, ngo ni ukugirango izo nsoresore zizashyogoranye, zigeze n'aho zitukana ku byerekeye ubwoko, ibyari imyigaragambyo yo kurwanya MRND bihinduke intambara y'abahutu n'abatutsi, umugambi wo gutanya ariya mashyaka amaze kubatesha "position" ube ugezweho.

Muramenye rero barwanashyaka ntimuzagwe muri uwo mutego ngo MRND ibe ibatsinze ikindi gitego nk'icyo iherutse gutsindira mu nguni yari irinzwe na PSD.

O.NT.B.

UMURANGI N° 006 DU
26 Février 1992
Tirés en 2.000 Exemplaires




Nkoramaraso zanjye Nkunda byimazeyo. Mbanje kubashimira kuba mwaritabiriye iri torero ry'Interahamwe muri benshi, no kuba mumaze kugera ku bikorwa by'ingirakamaro. Bambwiye ibyo mwakoreye abashenzi b'Abanyenduga i Musambira biranshimisha cyane, bambwira ibyo mukora iyo za Gitega, za Nyakabanda, za Muhima na Gasyata, ndetse ngo hari n'ikindi cyuma muherutse kuvugiriza i Remera ku Giporoso. Ibyo byose rero byaranshimishije, binyereka ko intego yacu yo kuzabivuyanga tuzayigeraho.

Nimumara gufata kuri aka gafunguro rero, mugende mufate za Mines mukwize mu gihugu cyose, maze uko bituritse turebe abatutsi n'abanyenduga tubyegekaho, bityo twumvishe abanyarwanda ko intambara yahinduye isura dushyireho rya tegeko rizatuma ntagashyaka kongera kubwejura. Numvise ko za Nkotanyi z'abanyenduga bo muri MDR zitegura Mitingi ku Gisenyi kuri 23, muramenye ntizizatwandurize akarere. Muzazihonyange. Gusa ikibabaje ni uko Abarundi batubereye ibigwari

Ibikurikira page 12

# MRND IRARUNDIRA IBIFARANGA INKOTANYI NGO ZIGUMYE ZIKORE AKANTU.

Abasomye ikinyamakuru ISIBO Special N° 40 bis babonye ukuntu umukiga w'Inkotanyi BARAHINYURA asigaye yirirwa adondobekanya ibigambo mu bibaruwa bitagira umutwe n'akabuno ngo ngaha arangisha abayoboke ba MDR n'abandi banyarwanda TWAGIRAMUNGU Fawustini umaze kuba umunyapolitiki w'ingufu nyinshi cyane muri iki gihugu, amwita inkotanyi.

Ngira ngo mwiboneye ko abategetsi ba MRND bamaze kumurundira akayabo k'amafranga agera kuri miriyoni 10, none umugore we "MFIZI y'umugi " nawe umaze kuryoherwa akibagirwa ibyo tutiruhije tuvuga aratumena amatwi ngo arandikira MUREGO ngo amugira inama ngo ngaha barafunganwe (kangura n° 32).Bariya bantu ko bagize imana zo kwibonera ibirishi byo kuvomamo amafranga y'igihugu aho igihe cyo kuyishyura ntibizabarushya ? Ariko turabarenganya abayabaha nibo bazayishyura nta kundi byagenda. Si amafranga gusa kandi abategetsi ba MRND bazishyuzwa na RUKOKOMA TWAGIRAMUNGU yakana umujinya mwinshi, n'amaraso y'abantu baguye muri iyi ntambara yatewe na bene wabo wa BARAHINYURA bakomoka iriya iwabo, bagambaniye igihugu, abasirikari b'u Rwanda batariye ku makotanyi bakakirwanaho none ibyo bakoze bikaba ari byo bituma birirwa bandika ibibaruwa bitampaye agaciro nayo nibo bazayabazwa.

Barata ibitabapfu, cyangwa BARAHINYURA ariho arabategurira aho bazahungira. Ibyo asaragurikiramo rero, amenye ko ari inkotanyi, kandi ko ubukotanyi bwe ashaka gutwerera TWAGIRAMUGU budashobora na rimwe kumuhama kuko igihe cyo kuboha abanyenduga n'abatutsi ngo nibo nkotanyi twarakirenze. TWAGIRAMUNGU aba inkotanyi se yacanze imari n'abanyakazu ? Akaba KAJEGUHAKWA, BIZIMUNGU se, ni KANYARENGWE se wafatanyije n'abanyakazu guhotora Demokarasi, ni RIZINDE se intumwa y'abanyakazu mu mukino w'agafuni, mwaraperereje se musanga se yari yarayobotse Lunari iyo mu KINYAGA nka bamwe mu bashiru bigira nyoni nyinshi ngo ninza mahutu. Iwabo se bagiye baherekeje MUSINGA aciriwe i KAMEMBE ?

Mwasanze se TWAGIRAMUNGU yaravutse ku mukarani w'abatutsi bakamuraga uburunari ari bwo bukotanyi bw'ubu, uko ibihe bizahora bisimburana. Mwasanze TWAGIRAMUNGU afite icyo apfana na ba SETAKO, Padiri KABARIRA Viyatori yise igishubaziko agapfa by'amanzaganya ? Mwasanze se hari bashiki be yashyingiye muri Arabiya Sawudite bakaba bari mu nkotanyi zohereza urufaranga rushyitse ruva muri peterori rwo kugura intwaro ?

Ariko se ubundi ndavunikira iki ? Niba TWAGIRAMUNGU ari inkotanyi nasabe NAHIMANA amuhe Radiyo Rwanda ayivugiremo ko azivuyemo kuko twumvise bihagije ku nkotanyi, maze afate n'ibipapuro arebe uwo abushinja bahite bamusimbuza KAREMERA Eduwaridi muri MRND. Icyaha cy'ubukotanyi cyarahanaguwe, ba KAJEGUHAKWA na ba KANYARENGWE bari gutumaho ko bazaza, none ngo TWAGIRAMUNGU? Urusaku ruke. Ubona ngo uriya mugome ngo ni BARAHINYURA arihandagaza ngo uzamwandika azamurega. Azaregwe n'iminsi. Impfizi y'umugi itubabarire ntacyo twapfaga n'umuryango we.

NZAPFABARUSHYE G.
Nyarugenge - KIGALI.

ABANYAMADINI BARACYA-DUTABA MU NAMA :

*Ngo nyuma y'ibaruwa ivuye muri Diyoseze ya KABGAYI, nyuma y'aho abasenyeri babwiriye ubutegetsi akari imurore, n'aho SEBUNUNGURI avugiye ko RUKOKOMA yemewe no muri BIBILIYA, ngo abihayimana benshi bare bwe ikijisho. Byatumye bashya ubwoba rero bamwe barongera bisubirira mu kwaha kwa MRND.*

*Twumvise kuri Radiyo Rwanda Musenyeri w'i Kabgayi agira ati ku byerekeye RUKOKOMA batwumvise nabi babisamira hejuru. Naho RUKUSANYI TWAGIRAYESU we RUKOKOMA ntayikozwa. Ngo amashyaka ageze aho gusuzuguza ubutegetsi abana.*

*Bwana RUKUSANYI TWAGIRAYESU rero wicurika ibintu. Nta mashyaka asuzuguza abana ubutegetsi bw'u Rwanda, ahubwo buge-ze aho gusuzugurwa n'abana. Uzabyirebere nawe uzasanga nta kigenda ku buryo abana bagutanze kubibona.*

*Twirirwa tuvuga ngo mu Rwanda hari abasirikare b'abazayirwa baje gukora akantu. Nyamara hambere tukibeshya ko dufite amahoro, bajyaga batubwira ko hashobora kuba hari abana ba KARAGOGICIYE baba barererwa hamwe n'ibirura bya MOBUTU muri ZAYIRE ngo tukazababona igihe nta mushinyiko uzaba uriho da ! Aba MOBUTU bo baratangiye, abantu badatinya kwica umukristu na Padiri bivugira amasengesho.*

## INKONO YA CACANA

*Minisitiri* RUHUMURIZA *ngo aherutse gufata* NAYINZIRA *Perezida wa* PDC *amujyana iwabo i* NYAKABANDA *muri* GITARAMA. *Bakoresheje inama bafite abantu nka 200 da ! Inama irangiye bamaze no guhembura abaturage bari biriwe babwira ubusa, bagiye hafi ya farumasi ya Minisitiri iri aho hafi bashingaho ibendera rya* PDC. *Igiti kimaze kugerayo abaturage baranangiye bati nta kana ka* MRND *DUSHAKA kuko twiyemeje kuyirandurana n'imizi n'imihamuro ino iwacu i* NYAKABANDA.

*Ubwo byarananiranye bazinga akarago no mu mugi wa* GITARAMA, *hafi y'amabendera ya* MDR *na* PL *bati natwe tukarishinga hano. Bakimara gucukura bibabera nk'ibya ya nkono ya* CACANA. *Abaturage bati ibyo bi* MRND *bivuyanze nimubivane aho twarabamenye. Bahuruje Perefe,abaturage bati umva turagukunda,ariko utubabarire nta* PDC *mu bintu.* RUHUMURIZA *ngo waba hari ico yenda kuba co ari* MRND *mu ruhu rwa* PDC *yumirwa atyo. Abona ko i* GITARAMA *bahugukiye kutabeshywa nk'abana bato.*

## *Baradutungira agatoki abagome.*

*Munyandiko ya kwijwe hose cyane cyane muri uyu mugi wa kigali, twabonye Lisiti yashyizwe ahagaragara n'uwiyise Musemakweri Dismas ku itariki ya 16/1/1992, idutungira agatoki bamwe mu nkoramaraso za* MRND. *twasanze rero tutabihakana kuko benshi muri bo twasanze ibikorwa byabo bagenda bakora n'imiborogo bagenda basiga aho bavuye muri za mitingi za* MRND *ari ikimenyetso simusiga cyuko uriya muntu atababeshyera. Niba rero hari ugihakana ko* MRND *idakora nka* LUNARI, *azarebe*




*abayisilamu barimo, maze yibuke amateka y'u Rwanda muri za 59. Banyarwanda rero aba bantu murabamenye, aho muzababona hose muzamenye umwuga mushya* MRND *yabashinze. Kumena amaraso ngo maze ikibyimbye kikameneka. Ese none cyazabamenekana cyibamenekanye. Ngo umwanzi agucira akobo Imana igucira akanzu, burya na nyina wundi ngo abyara umuhungu.*

## AGENTS SECRETS : LES YEUX ET LES OREILLES DU MRND (ESCADRON DE LA MORT) MISSION, OBJECTIFS DE TRAHIR LEURS FRERES HUTU ET TUTSI-DENONCER LES AMATEURS DU MDR,PL,PSD, CE SONT :

1. KAREKEZI *Amuri: Conseiller-Secret Biryogo*-KIGALI. 2.KAREKEZI *Isidore: Chef de famille Kanombe*-KIGALI. 3.MBONIMANA *Stanis: ConseillerSecteur* GITEGA-KIGALI. 4.HITIMANA *Noël:* C/O: GAKUKA *Secteur Nyamirambo*-KIGALI. 5.NYETERI *Antoine: Homme d'affaires Nyamirambo*-KIGALI. 6.NSHIMIYIMANA *Hamad:* C/O BRD KIGALI. 7.NGEZE *Hasani* C/O KANGURA-GISENYI. 8.*Géorge fils* MPAMO *Commerçant* KIGALI. 9.BASABOSE *Commerçant* KIGALI. 10.ZUZU-*Frodeur Commerçant* KIGALI. 11.SHEIKM HABIMANA *Ibrahim:* SEC TEUR *Nyakabanda*-KIGALI. 12. KALIMUNDA *Pierre: Secteur Nyakabanda*-KIGALI. 13.MWIZERWA *Japhet: Entrepreneur-Remera* KIGALI. 14.GATENGABONDO *Ayubu:Frodeur* KIGALI. 15.MBONYINSHUTI *Badru: Garagiste Kanombe*-KIGALI.16.SHEFKH MUGWIZA *Ahmed* C/O AMUR KIGALI. 17. MAGAYANE *Hamisi: Secteur Nyakabanda* KIGALI.18.KIBATA *Djuma:* RUBAVU-GISENYI.19.HASSANI *Ally Chauffeur Mécanicien Biryogo* KIGALI. 20. MASTIRO HAMISSI: C/O *Restaurant* CAFE *du peuple* NYAMIRAMBO. 21.REHANI RUTABANDA-NA:*Chauffeur* KIGALI-MOMBASA.22.KABENDERA *Shinani:*C/O *Radio Rwanda* 23.NIZEYIMANA *Djumatatu* C/O MININTER KIGALI 24.BABUZINTURO *Djuma: Médecin Privée* KIGALI. 25.BIKINDI *Simon:* MIJEUMA-KIGALI.26.NKIKO *Faustin:*S/P BYUMBA. 27.MACUMI *Balthazar: Fraudeur* KIGALI *Nyamirambo*.28.GAHONGAYIRE *Hawa:Secteur Biryogo*-KIGALI.29.MBONABARYI *Léon:*KIGALI.30.UGEZIWE *Uziel:Serire Rugunga* KIGALI. 31.RUMARIGABO *Mohamud:Nyamirambo* C/O FINA.

*Fait à Kiyombe,le 16/1/1992.*

**MUSEMAKWERI Dismás.**

**MUSIQUE**

Concert-HIT Parade Izatangirwamo Ibihembo NYAMPINGA Izaba ku Cyumweru Tariki 1-3-1992 kuri Stade Régional i NYAMIRAMBO guhera Saa Saba. Mugomba kuza mwitwaje twa dupapuro mwujuje. Naho abadutanze muri Music Fabric bazadusange muri Concert Kwinjira ni 100 gusa.

# BONNE CHANCE MON COLONEL!!!




Si ! Les Français persistent encore à conseiller le Président HABYARIMANA. Il l'a déclaré vendredi le 21/2/92 sur RFI, Monsieur Géorges MARTRES, ambassadeur de FRANCE au RWANDA. A l'entendre parler, on a eu l'impression qu'il voulait nous faire croire qu'on peut être conseiller d''un Président qui a gouverné tout un peuple avec une main de fer pendant 20 ans, sous un système de parti unique, sans s'injérer des affaires intérieures dans un pays comme le Rwanda où le multipartisme commence à gagner la sympathie des gens qui hier, rangés derrières un père de la nation, aujourd'hui se rallient avec fièrté à d'autres Leaders politiques.

Nous n'y croyons pas. Seulement pour nous, il est question de se demander si les français connaissent très bien la personne de HABYARIMANA. Est-ce qu'ils savent au moins que son parti, le MRND qu'il a placé depuis 17 ans sous le contrôle des grands dignitaires de sa famille et de leurs favoris contrôlent encore malhonnètement toute la machine administrative du pays et lui accordent encore la potentialité de cumuler tous les pouvoirs du pays, y compris le spectre militaire sous ses ordres depuis plùs d'un quart de siècle ? Pourtant il en est ainsi, ce qui explique toute la misère du peuple rwandais.

Devant la situation Socio-économique tellement minable que connaît le fameux pays des Milles Collines, aujourd'hui s 'ajoutent les représailles politiques qui s'amplifient davantage à chaque durcissement de ton de l'opposition. Puisque un expert conseiller doit remplir son devoir, nous avons tendance à croire que Monsieur CHOLLET va également s'occuper du fameux "Escadron de la mort" alias "Interahamwe za MRND", une faction clandéstinement armée par le MRND qui comprend hommes, femmes, garçons, filles et militaires recrutés par les nantis du Régime HABYA-RIMANA.

S'il en est ainsi alors, que proposera la France aux partis d'opposition si les répréssions et les assassinats organisés par ces bandits obligent celle-ci à opposer une riposte vurulente. En tout cas pas de croiser les mains. Mais que faire ? La voix du plus faible est toujours la plus fautive. La France pouvant leur réserver des surprises, les tenors de l'opposition feraient mieux d'abandonner tout optimisme exagéré, et de s'attendre à autre chose plus tôt qu'à un joli cadeau combien précieux pour eux et le peuple rwandais que serait la "Conférence Nationale Souveraine" qui laisserait sans doute le moteur des Tenants du pouvoir actuel en panne.

*BIHIBINDI A.*
*KIGALI.*

bakirinda gushoza intambara mu majyepfo y'igihugu ngo ibyaho tubone uko tubivuyanga, ariko ntacyo bitwaye tuzagumya tugerageze kubakora mu jisho. Kangura na Radiyo Gatonde birahambereye. Nimuhorane MRND.

**Prix NYAMPINGA : Uzuza aka gapapuro ukoherese kuri iyi aderesi :**
**Orchestre NYAMPINGA**
**C/o Music Fabric B.P. 1123 Kigali**

Nom et Prénom..........................................
*Amazina*

Profession..........................................
*Umwuga*

Commune d'origine..........................................
*Komini wavukiyemo*

Adresse complète..........................................
*Aho ubarizwa*



# I BUTARE NTACYO MDR IBAYE DA !

Ku itariki ya 16/2/ 92 twagiye muri mitingi ya MDR i BUTARE kuri Sitade HUYE. Yatangiye mu masaa tanu,ishyushye,abanyakigali bamaze kuhasesekara Sitade yari yuzuye impirimbanyi dore ko hari n'izari zavuye mu makomine n'amaguru,nka za NYAKIZU n'ahandi berekanye ko atari ba bajeyi. Ababyinnyi bavuye imihanda yose,abasalo n'imbyino zabo zikaze, ndetse twabonye n'imparamba zo muri HUYE, bamwe babyina batera isuka hejuru,bambaye ibirere. Ababo bakunze kwibanda ku ndirimbo zarimo kurata umurimo w'amaboko zitameze cyane nk'iz'abandi bagira bati"zinga akarago kawe... tuzatsinda, navaho impundu zizavuga, ngo MUVOMA yaribeshye, MDR yaratsinze, ngo RUGIRA yaribeshye, n'ibindi.

Burya umuzika mu kwamamaza ibikorwa byiza cyangwa bibi ni wo wambere. Muri babiri umuririmbyi umwe akagira ati:MDR wabohoye imbaga, undi akagira ati: MRND tuzabica. Bigaterwa nuko batabona kimwe ibibazo u Rwanda rufite.

## BARAVUZE BIRATINDA:

Uhagarariye MDR i BUTARE ati:twiririmbire indirimbo yubahiriza igihugu burya ni n'igihango cy'abakurambere ba MDR.
Dr. SIJYENIYO Charles yasabye ba "nta shyaka turimo" b'i BUTARE na ba "tuzajya murizatsinda" kwiyumvisha ko ibyo bitabereye umuntu ujijutse, cyane cyane w'i BUTARE cyangwa uhatuye. Kimwe n'abamukurikiye mu kuvuga, bamaganye RUGIRA umaze iminsi akurura umwiryane ushingiye ku moko i BUTARE, kandi yari "ntangarugero".

Yagize ati AMANDINI nareke kutwanduriza umugi BUTARE si KIBIRIRA? Yongeyemo ati twababajwe na TEMAHAGALI wananiwe gushima Jandarumori y'i Butare ko yitwaye neza mu myigaragambyo yahabereye akababazwa nuko nta rusasu rwahavugiye, na RUNYINYA washatse kugonga abantu akabwira abajedi ngo (pourquoi ne pas tirer sur ces mecs) ari nko kuvuga ati kuki mutarasa ziriya nyanazimbwa) ?

Ibya PSD ngo ishaka gukurikiza amategeko ya MRND ntiyiruhije abitindaho kuko ngo icyo abanyabutare bifuza ni ukwiyunga.

Mbere yo guha ijambo KAMBANDA Yohani,uwatangaga amagambo yibarije abari aho ati"ko badusakuriza ngo MDR ni abahutu, PL ni abatutsi,MRND ni impunyu,cyangwa n'abatwa?"
bamwe barashubije bati ni "INTERAMAHANO" mu gihugu nta kindi bari cyo.
KAMBANDA Yohani ati"MDR yitwara neza hose n'i BUTARE,naho amashyaka yitwara nabi akayo karashobotse". Yagize ati MRND ikoresheje irondakarere, irondakazu mu butegetsi no mu mashuri,yahise ihindura abanyabutare ba bwoba,kubera ko utinyutse kuvuga bamufunga. Mbere ya 73, BUTARE yari iya mbere mu mashuri, none ni iya nyuma. Barangiza ngo abanyabutare ni abanyoni,indaya,amasarigoma naho mu bya gisirikare ngo ni ingarisi. Yavuze ko MDR idashobora gufatanya n'inyenzi inkotanyi ahubwo asaba impunzi gushyira imbunda hasi zikaza gufatanya n'abandi kubaka Urwanda. Mu byaha bine arega Repubulika ya II harimo ubwicanyi bwahitanye MISAGO na GASAMUNYIGA i BUTARE, n'abandi,irondakarere n'irondakazu,ubusahuzi n'ubuhashyi kimwe no kutita ku bya rubanda.



*Bishimiye Umukino w'Imparamba bataherukaga kubona*

## MDR YATUMYE AKAZU GAHUNGABANA

KAMBANDA yunzemo ati MDR yatumye akazu gahungabana,abakagize baradagadwa,ati ndetse na BUTARE ntikangwa Perefe TEMAHAGARI. Ngo niyemere ko arwanya MDR ku mugaragaro bahangane.


Nawe se kubuza mitingi i GISHAMVU ati nta basirikare,hanyuma akabona amakamyo yoherezayo yikanze ko mitingi ishobora kuba ku ngufu. Yamaganye

ba Burugumesitiri KAMBANDA wa GISHAMVU, KAJYAMBERE wa KIBAYI, NDAYAMBAJE wa MUGANZA wirirwa asereреza abarwanashyaka ngo nibatabaze RUKOKOMA nk'aho agatinze kazamwicaza atari yo niba azayigezaho, n'Umugenzuzi w'amashuri w'akarere aho i MUGANZA utoteza abarimu ngo ni MDR kandi azi ko bashobora kumwikuriraho.

Burugumesitiri wa KIBAYI n'uwa MUGANZA ngo bihaye guha MRND ibiro mu nzu ya Komine na MDR babe bayishakira cyangwa izabahagurutsanye n'abo bayobozi ba MRND. MDR ntizagwa mu mutego wa Burugumesitiri wa NYABISINDU ushaka gusubiranishamo amoko. KAMBANDA yunzemo ati hari ba Burugumesitiri bazima ariko ntitubavuga batazubika kuko MRND itinya kubi abo rubanda ivuga neza.

## IMISOZI ISAZA-NWA NI IYO KU MAGURU NAHO INDI BARAYISIGA:

Mu magambo yakomeje kuvugwa muri iyo mitingi basabye abanyabutare kwibohora Ishyaka ry'akarere gusa, bamagana RUGIRA uvuga ahereye ku mubano wa PL na MDR ko ngo umuhutu n'umututsikazi bashakanye babyara ikirambu kandi yarashatse umututsikazi. Basabye kandi na none abanyabutare kudakurikira udushyaka tugenda duhindagura buri mwanya. Nyuma ya animasiyo y'aba JDR b'i MBAZI bagiraga bati"Mbabarira yewe mbabarira, gutegekwa n'akazu biranze biraturambiye,"Bati"Fondateri yagiye kuraguza bamubwira ko agomba kwemera RUKOKOMA", NIYONZIMA Faustin watangaga amagambo yabanje kuducira akagani mbere yo guha ijambo NSENGIYAREMYE ati"intare umwami w'ishyamba yariye umwana w'intama, maze iragenda ibwira inzovu iti ko nariye umwana w'intama hari icyaha nakoze? Inzovu iti jya wirira ariko ntugakore ku mwana w'inzovu. Yabajije IMPALA nayo iti upfa kudakora ku mwana w'IMPALA. Intare yabikojeje impyisi ziti jya wirira ariko udusigire. Intare rero yasubiye kureba intama irazibwira iti ndabamenyesha ko inyamanswa zose zinshyigikiye. Nta kindi intama zakoze kitari ukuvugira rimwe ziti"ramba sugira, sagamba, jya wirira uzaturye utumare".




## POLITIKI Y'UBUSAMBO YATUZANIYE INTAMBARA:

Dr NSENGIYAREMYE amaze kuvuga uko MDR ihagaze neza mu gihugu, ikaba ije gukiza abanyarwanda ingoma ya cyami nshyashya ya MRND, yagize ati: twihanangirije MRND ishaka gukurura imvururu ikora nka LUNARI. Nikomeza izagenda nka yo. Yagize ati intabwirwa y'umugabo yambukiye mu bwato bw'ibumba bugeze mu mazi burasandara. Yunzemo ati nkuko MDR PARMEHUTU yatsinze LUNARI mu maso ya L'ONU, MDR na none izatsinda MRND ku mugaragaro. Yibukije abantu ukuntu MRND yatetse umutwe ku ya 28/1/92 ngo iribuka Demokarasi yahambye maze abwira abari aho ko MDR ari iya mbere ikaba ubu habaye amatora yagira 60%. Ati twaharaniye kujya muri Guverinoma y'inzibacyuho ariko Perezida yanga kuva ku izima maze ashyiraho Minisitiri w'Intebe wo muri MRND yishyiriraho Guverinoma y'abacanshuro bafite amatwi ntibumve, amaso ntibabone, bafite umutima ariko ukaba warahabye, n'ubwenge ariko ubwonko bukaba bwarayaze. Yatubwiye ko MDR izajya muri Guverinoma iyobowe na Minisitiri utari muri MRND.

Umwe mubaraho amaze kutubwira ko uwo MDR izatora ubu akaba akirambagizwa ari nawe uzayobora igihugu. Abasalo barongeye basingiza Perezida HABYARIMANA kuri bwa buryo bwabo namwe mutayobewe . Yewe reka yumve ni we wabatoje animasiyo bakiri bato.

## RUGIRA WAGIZWE INTUMWA N'BATURAGE ASIGAYE AVUGA IBYO YITUMYE:

Umu JDR wo muri KAMINUZA yahavuze umuvugo utagira uko usa, yumvisha abari baraho ko mu Rwanda hari abantu bashumitse batabishaka bakinumira ngo babe bahaha. Ko ubutumwa ba KAYONDO bahawe babutaye, naho RUGIRA we akaba asigaye avuga ibyo yitumye. Ati ijisho ry'impirimbanyi ntirihumbya, ni ibya "état de siège" tuzabyanga. Yarangije agira ati barategura isubiranamo, nyamara ay'ubusa tuzarirwanya.

## UMUTIMA WA MRND WARASANDAYE :

Madamu UWILINGIYIMANA Agatha yabwiye abaraho ko URAMA, yari igikoresho cyo gushaka amafaranga yo kwamamaza MRND bakayita "umutima" wayo none ukaba warasandaye. URAMA rero ngo n'abayikoreraga ubu bavuyemo isigaranye Luwiza Antoinette wenyine. Ati ese MRND izabaho ite itagira umutima yabeshwagaho n'amafaranga y'abagore. Yakomeje asaba abategarugori kuzitwara neza mu ruhando rw'amashyaka, nkuko ba nyina na ba nyirakuru bitwaye neza bagatora MDR PARMEHUTU, UMWAMI akavaho kandi barababwira ga ngo amasaka ntiyakwera ngo inka ntizakamwa, mbese nkuko ubu bababwira ngo Jenerari avuyeho intambara ntiyarangira. Ati twamenye ko ishyaka ridukwiye ari irya MDR, Rizatsinda, Jenerari aveho, impundu zivuge. Yasabye abategarugori guhirimbanira imyanya y'ubutegetsi nk'abagabo aho kureka amashyi, bagaharanira kuba ba Konseye, Burugumesitiri, Serire, ati barabibagirwa muri he ?

Yarangije yiyama MRND yigisha abanyabutarekazi guhena no gucira abagabo mu maso ngo ni uko bari muri MDR, kandi ari nta mishyikirano yindi yari ikwiye kubaho itari RUKOKO-MA igihe hakiriho imiduga-raro, kandi abakozi batari muri MDR bakaba birukanwa.

abanyarwanda ubuhake bukaturemamo ubwoba, umuntu yagera imbere y'umutegetsi akamera nk'agashwi kabonye SAKABAKA mu gihe abakomeye bo basuzugura abato nk'aho nta bwenge bagira, umwe ati Minisiteri yanjye, Perefegitura yanjye, Komine yanjye, Ibiro byanjye n'ibindi. Yasabye abanyabutare kuba intwari nka MUNYANGA-JU, wivugiraga ati burya urumuri ruva mu majyepfo y'igihugu maze agafata umutwe we, umutima we ikaramu ye



*Burya umuzika ni ingenzi mu kwamamaza ishyaka.*

## UBUTEGETSI BUDATINYA ABATURAGE BUBA BWICU-KURIRA URWOBO:

Donati MUREGO amaze gusuhuza abari bari aho ariko by'umwihariko abasalo n'ababarera bo mizero y'u Rwanda, amaze kwibutsa ko nta gihe BUTARE itazaba ishuri ry'u Rwanda, yakomeje asobanura Demokarasi mu Rwanda n'inzitizi zayo. Yagize ati ubutegetsi budatinya abaturage buba bwicukurira urwobo, ati ikizere yuko icyuho Repubulika ya Kabiri yaciye cyasibangana kiri ku barwanashyaka ba MDR. Bimwe mu bidindi-za Demokarasi arasanga harimo n'umutima w'ubuhake wazonze akabikoresha bikamurikira u Rwanda. Yarangije agira ati "banyabutare, nimutize ishyaka umurindi maze mushikame mutagamburura mwibuke ko mwahaye intwari u Rwanda zigatabaruka zitanda vuye, burya ngo agasozi gashizeho abagabo, imbwa zikwiza imirizo.

## _REVOLISIYO NYUBIKAGI-HUGU YO MURI 73 NI YO IDUTEYE INTAMBARA TWARI TWARA-TSINZE MURI 67 :

Umurwanashyaka MUNYANDEKWE Anasitazi amaze kutwibutsa amagambo asize umunyu yavugiwe kuri Radiyo igihe bahirika

KA-YIBANDA, yatweretse ko MRND yagaruye ingoma ya cyami y'akazu ko mu Bushiru, Umwami akiyimika. agashyiraho abashefu, hakagaruka agasuzuguro nkako ku ngoma y'abahindiro, gukoma yombi, uburyarya, guhakirizwa, kwirukana abasirikare babyigiye, maze inkotanyi zikabyuririraho zigatera. Yakomeje agira ati "urugo rutugariwe ruvogerwa n'imisega", amajyambere badukangisha ntacyo yatumarira igihe cyose umwanzi ashobora kuza akayahindura ivu. Yerekanye ko u Rwanda rutatewe rutunguwe kandi atwumvisha ko uwo mutasangiye mutayaga bityo abategetsi ba MRND n'ab'inkotanyi bakaba bakwiye kumvikana intambara ikarangira. Yarangije asaba ko Perezida HABYARIMANA yabanza akumvikana n'inko-tanyi z'abahutu babanye nka ba KANYARENGWE, maze akabona kumvikana n'iz'abatutsi. Ati MDR ntishobora guhunga ngo ijye kuba "INKOTANYI", izahirimbana kugeza igihe itsindiye imbere.

## BARAMUTSE BANZE RUKOKOMA TWABIGENZA DUTE ?

Umurwanashyaka SEBUCOCERO amaze gutanga urwenya ku byerekeye amabara y'amashyaka atagira amateka yakomeje abwira abanyabutare ko kwibumbira i Butare ntacyo bimaze abaha n'ingero. Yabwiye abanyabutare ko RUGIRA yirata ngo bazahonyora MDR ko bagomba kumenya ko nta nkuba ikubita umunyabugingo. Ati ngo impirimbanyi turi abarakare ? Turakaye twabaterura aho bicaye. Yabwiye abaturage ati umuti wa RUKOKOMA ni mwe. Nimwumva batwihereranye hariya i KIGALI ntimuzadutererane. TWAGIRAYEZU Lawurenti yamwunganiye agira ati ni nde twakwaka RUKOKOMA ? Si Perezida cyangwa Guverinoma ya NSANZIMANA isukuma, ni MDR ya Guverinoma ifite ingufu ubundi tukabararika mwese, ingufu zose, tukotsa igitutu abayirwanya dukoresheje imyigaragambyo, tukotsa igitutu abanyamahanga bashobora kugera aho barambirwa amayida n'ikinyoma, kumvisha abihayimana ko bagomba gucisha mu gaciro, kumvisha ingabo ko zitakiri ingabo z'umwami kandi inyinshi zitangiye gusobanukirwa, kuvanaho abategetsi babi dore ko n'imbarutso yakomwe mu makimini amwe, mu mashuri no mu bigo bimwe bya Leta. Yarangije asaba abaturage ko nibumva babagose hariya i KIGALI bazakoma agafirimbi bakaba-vuna batarabavunagura. Mitingi yashojwe na anima-siyo itagira uko isa ya JDR y'i BUTARE na KIGALI, mu masaa cyenda.

O.NT.B.



*Bivugwa tuhibereye, twabyandukura abategetsi bakaba ari twe bahimbiraho !*

### AGATINZE KAZAZA.

*Ku itariki ya 23 Nyakanga 1992, wa musaza wari inshuti ya KAYIBANDA Gregori, Umwami w'Abami HAILE Serasiye wo muri Etiyopiya azaba yujuje imyaka ijana y'amavuko. Ubwo MENGISTU yamuvanagaho rero, yaramwishe amuzika munsi y'ibiro by'ingoro yakoreragamo maze nawe abyinugikamo akajya amukorera hejuru. Abategetsi bashya ba ETIYOPIYA rero barateganya kuzamuhambana icyubahiro kuri iyo tariki yo kwibuka ivukarye ku buryo "Abarasita" (ba bandi bavukamo ba BOB Marley), ibihumbi bibiri byose bimaze kwiyandikisha kuzaza kwifatanya n'abandi muri uwo munsi mukuru.*

*Hari n'abandi benshi bapfanye nawe bazize uriya MENGISTU baherutse kuka igitutu akazinga akarago, ariko mu bikomerezwa by'igihe cy'uriya musaza agasiga ahitanyemo ibihubi 50.000, ntabariyemo n'abaturage bazize ingoma ye y'amaraso.*

KAYIBANDA wacu we tuzabigenza gute ?



# BIMENYIMANA Juvénal YAVUZE KO IGIHUGU KIZATERWA BARAMUFUNGA

Nitwa BIMENYIMANA Juvénal, navutse muri 1950 nkaba nkunda igihugu cyanjye cy'u Rwanda. Naburiye abanyarwanda ko igihugu kigiye guterwa, mbibwira Komanda GACINYA wakoraga muri Ministeri y'Ingabo , hari kuri 25/8/90. Undi nongeye kubibwira ni Major KARANGWA ushinzwe iperereza muri Ministeri y'ingabo. Hari tagitiki y'abaduteye nari naramenye, maze zimaze gutera ngenda kenshi mbibutsa ibyo bintu. Koroneri NZUNGIZE nawe narabimubwiye.

Ku itariki ya 4/10/90 baramfashe banjyana mu kigo cya ruguru, mpasanga Komanda GACINYA. Nubwo bari bantobaguye mvirirana amaraso, agahinda kenshi ntika- tumye rwose ntinya namba kuvuga iby'iyo ntambara mu ruhame rw'abantu bari bafashwe n'abasirikari bari bari aho. Mu bantu nka 30 bari bafashwe harimo NDASINGWA Landuwaridi, Boyi Stratoni, HABIMANA(vice gouverneur), Mariya wo mu kigaraje i Nyamirambo, umugore wa HABIMANA n'abandi.

Aho mu kigo narashakuje biratinda ariko ntibyababujije kumfunga. Kuya 11/11/90 nahamagawe kuri pariki barambaza ngo navugaga ko igihugu kigiye guterwa nabitumwe na nde ? Nashubije ko nabitewe no gukunda u Rwanda kandi ko ntavuze ibinyoma kuko ibyo navuze byabaye.

Nafunguwe ku ya 8 Mata 1991 mazemo amezi atandatu y'agatsi. Igihugu gikwiye kumpa indishyi y'akababaro.

BIMENYIMANA Juvénal
KIGALI.

N.D.L.R.

Oh! Twaratunguwe,
Oh! MUSEVENI yatwijeje..
Oh! nini, oh! ceci cela.
Murabeshya RUKOKOMA izababaza byinshi.

## INTERAMAHANO KU MU KAMIRA

*Mitingi ya MDR ku MUKAMIRA yagabweho igitero n'abanyeshuri bo ku KINYANJA muri KARAGO n'abo i JENDA muri NKURI. Abana baje kubyina ahari hateganirijwe Mitingi ya MDR, baza batera amabuye abarwanashyaka n'amamodoka yabo, kandi baririmba indirimbo za MRND ku buryo bigaragara ko babitojwe. Abategetsi ba Komini n'aba MRND bari aho hafi mu kabari binywera inzoga baseka. TWIKIRA ukora kuri komini NKURI, RURIVANGA, abagore 3 b'indaya n'uwitwa BISHABAGURA bari baguriwe na Bu rugumesitiri MPIRANYA wa NKURI ngo bakore ayo mahano.*

*MDR irashimira umwofisiye wahageze akabatabariza ingabo zo ku MUKAMIRA zikaza zikitwara neza, Mitingi ikaba, ubutumwa bugatangwa.*

O.NT.B




*Umwanditsi mukuru w'ikinyamakuru "Le Tribun du Peuple" MUGABE J. Pierre bamukatiye imyaka ine y'igifungo ngo kubera igishushanyo. Ngo babonye icyo gishushanyo cyenda gusa na Prezida w'u Rwanda. Mu gihe tucyandika iyi nomero umwanditsi mukuru w'Ikindi NSENGIYAREMYE Th. nawe amaze kwinjira muri 1930. Tujya tubona mu binyamakuru byo mu mahanga aho bashushanyije ba MITTERAND, ba BUSH n'ibindi bikomerezwa, bamwe babagize ibinyoni, abandi imiserebanyi, bitewe n'ibigereranyo. Abanyamakuru b'abanyarwanda ubanza bazize ubushizi bw'isoni bucye, kuko uwo mutware umushushanyije tubona amushushanyije uko ari nta kumuhindura uko atari nk'uko tubibona mu mahanga.*

O.NT.B.

# KUKI TUGUMYA KUREBERA INTERAHAMWE ZA MRND KANDI ZICURA INKUMBI

Mumaze iminsi musoma mu binyamakuru amarorerwa Interahamwe za MRND zigenda zikora hirya no hino mu gihugu aho zinyuze hose zivuye kwamamaza ubugome bwazo, na hano i Kigali umugi wose ukaba usigaye warijimye kubera izo nkorashyano zitagitinya ijoro, buri muntu akaba asigaye aryama yikanga ibitero byazo. Mu by'ukuri rero ahubwo ngo ntakarakorwa, ngo barakisuganya, bari mu myitozo aho bukera nyine ngo ikibyimbye kirameneka.

Turushaho kandi kugira inkeke nyinshi iyo twumva ko abo bantu abategetsi babihererana ku mahoteri akomeye, bakababakira, bityo umuntu akumva ko baba banabaha amabwiriza y'ukuntu bazagakora. Mbese banyarwanda, muribuka ya ncyuro ngo: "umwana wica ukamusekera". Ingoma yananiwe isa n'indi. Ntawakwibuka ibyo ngo abure gutangara.

## KUKI IMPIRIMBANYI ZA DEMOKARASI ZO ZITAKWIRWANAHO

Mu bintu byagaragaje ingufu za MDR, harimo ruriya rubyiruko rwibumbiye muri JDR. Muzarubona rubohoza amabendera y'ishyaka ryabo aho Interahamwe zishaka kuyonona nirwo rugaragara mu myigaragambyo, mbese abarwanashyaka ba MDR bakwiye kwishimira rwose ruriya rubyiruko rwitabiriye ishyaka ryabo rutizigamye. Ziriya mpirimbanyi rero zigomba kurinda abarwanashyaka, kandi nazo ntizijye zikubitirwa ubusa, ngo usange Interahamwe zibarusha ingufu n'ubwo tuzi ko ngo haba hanavanzemo n'abasirikare. Kugirango ibyo bigerweho, birasaba abarwanashyaka bose kwitanga batizigamye, abayobozi ba JDR bagafungura Konti muri Banki, ubundi buri murwanashyaka wese akajya areba uko ashyiraho akantu.

Ibyo kandi bishobora gukorwa muri za Perefegitura zose, emwe no mu makomini. Bityo JDR igakomera, ikajya iherekeza abarwanashyaka ba MDR aho bagiye muri za Mitingi n'ahandi hose bakeka ko bahurira na bariya bagome bo mu Nterahamwe, bityo bakaba banakoreshwa imyitozo yo kwirwanaho no kurwana ku barwanashyaka.

Ntihagire abacurabwenge ba MRND banyumva nabi, kwirwanaho no kwanduranya biranyuranye, nk'uko imyitozo yo kwirwanaho bitavuga imyitozo ya gisirikare. Gusa ndagirango nereke abarwanashyaka ba MDR ko nibirangaraho bashobora gupfa bagashira kubera kutita kuri ruriya rubyiruko kandi rwariyemeje gukorera ishyaka.
Erega muri Togo ntimugire ngo iyo batagira bene bariya basore baba bibumbiye mu byo bise "Milices populaires" baba barabashije gukangaranya EYADEMA. Sibo se bahanganye n'inkoramaraso ze kugeza ubwo yemeye Rukokoma. N'ubu kandi baracyahangamye, iyo za nkoramaraso zikajije urwo rubyiruko ruzotsa igitutu zigacisha make.

Abayobozi ba JDR, niberekane za Konti, babirange mu binyamakuru, mbese no muri za Mitingi bivugwe, Impirimbanyi ziteganyirize, aho gupfa uryamye wapfa urwana.

Umuyoboke wa MDR
KIGALI




*Kuwa 18/2/1992 mu gitondo kare Sitasiyo ya esansi ya NIYITEGEKA ELIYEZERI munzu bakoreramo haraturitse ibati riragururuka. Ntitwashoboye kumenya icyabiteye ngo tukivuge, dutegereje anketi ziriho zikorwa n'abashinzwe umutekano. Icyo twamenye kandi twishimiye nuko ingabo zahise zitabara vuba na bwangu zikahazimya Sitasiyo yose itarashya. Abantu murumva ko babivuzeho byinshi kubera ko ibihe bya poritike turimo bikomeye.*

*Twababajwe cyane kandi n'imipira 650 yari ibitsemo yose igashya. Ubu buzima ntibworoshye.* NTAWAMENYA